IKICARO GIKURU CYA KILIZIYA KU ISI

**UBUTUMWA BWA PAPA FRANSISKO KU MUNSI MPUZAMAHANGA W' ABIMUKIRA N'IMPUNZI WIZIHIZWA KU NSHURO Y'110**

**(Ku cyumweru tariki ya 29 Nzeri 2024)**

**Imana igendana n'umuryango wayo**

Bavandimwe nkunda ,

Ku itariki ya 29 Ukwakira 2023, inama ya mbere y'Inteko rusange ya 16 ya Sinodi y'Abepiskopi yashoje imirimo yayo, ibi byadufashije kurushaho kwinjira byimbitse mu myumvire ko kugendera hamwe nk' umuhamagaro w'ibanze wa Kiliziya."Uko kugendera hamwe kugaragara ahanini nk'inzira rusange y'umuryango w'Imana n'urubuga rw'ibiganiro by'ingirakamaro ku ngabire n'imirimo bigamije kubaka Ingoma y'Imana mu bantu". *(Raporo isoza, intangiriro).*

Kwita cyane ku rugendo rwa Sinodi, bituma Kiliziya yongera kwibuka kamere yayo yo kuba umuryango w'Imana uri mu rugendo, mu mateka yawo, mu rugendo rutagatifu twanavuga ko ari urwo kwimuka tugana mu bwami bw'ijuru. *(Reba Lumen gentium n.49)*. Kugendera ku gitabo cy'Iyimukamisiri, kitwereka urugendo rw'umuryango w'Abayisraheli werekeza mu gihugu cy'isezerano, ni ingenzi. Ni urugendo rurerure rwo kuva mu bucakara ujya mu bwigenge rushushanya urugendo rwa Kiliziya ijya gusanganira Nyagasani.

Mu buryo nk'ubwo, birashoboka kubona mu bimukira bo mu gihe cyacu, kimwe no mu bihe byose, ishusho nzima y'umuryango w'Imana uri mu rugendo werekeza mu gihugu kizahoraho iteka. Urugendo rwabo rwuje ukwizera rutwibutsa ko "iwacu ari mu ijuru, niho hazaturuka Umukiza dutegereje, Umwami wacu Yezu Kristu"*(Fil 3, 20)*.

Ibi bigereranyo byombi -Iyimukamisiri tubona muri Bibiliya n'abimukira - bifite ibintu byinshi umuntu yahuza. Kimwe n'Abayisiraheli mu gihe cya Musa, abimukira akenshi bahunga ibihe by'ikandamizwa n'ihohoterwa, umutekano muke n'ivangura, no kubaho nta terambere babona imbere yabo. Nk' Abayisraheli bari mu butayu, abimukira bahura n'inzitizi nyinshi mu nzira banyuramo: bahura n'inyota n'inzara; batagangazwa n'imiruho ivanze n'indwara; bahura n'ikigeragezo cyo kwiheba.

Ariko ukuri nyako ko kwimuka uko ari ko kose, ni uko Imana ijya imbere y'umuryango wayo ikawuherekeza mu rugendo hamwe n'abana bayo bose, igihe cyose n'ahantu hose. Ukugaragara kw'Imana rwagati mu muryango wayo ni ukuri kudashidikanywaho mu mateka y'umukiro wa muntu: "Kuko Uhoraho Imana yawe ubwe agendana nawe. Ntazaguhararukwa. Ntazagutererana" *(Ivug 31,6).* Ku muryango wari usohotse mu Misiri, ukugaragara kw'Imana hagati muri bo kuboneka mu buryo butandukanye: inkingi y'igicu n'umuriro ibereka inzira. *(Reba Iyim 13, 21)*. Ihema ry'ibonaniro ribitse Ubushyinguro bw'isezerano ry'Imana rigaragaza, mu buryo bufatika, ko Imana iri hafi yacu cyane *(Reba Iyim 33, 7)* ; inkoni n'inzoka y'icyuma bigaragaza kurindwa n'Imana *(Reba Ibar 21, 8-9)* ; manu n'amazi *(Reba Iyim 16,17)* ni impano z'Imana ku bantu bayo bashonje kandi bafite inyota. Ihema ni ikimenyetso gikomeye kigaragaza ko Nyagasani ahari. Mu gihe cy'ingoma ya Dawudi, Imana yanze gufungiranwa mu ngoro kugira ngo ikomeze kuba mu ihema kandi ishobore kugendana n'umuryango wayo, "ihema ku rindi, inzu ku yindi" *(1 Matek 17, 5).*

Abimukira benshi bagize ubuhamya bwo kugendana n'Imana, irabayobora kandi ibabera isoko y'umukiro. Barayiragiza mbere yo gutangira urugendo kandi bakayigana mu gihe hari icyo bakeneye. Bumva ariyo yabahoza mu bihe by'akaga. Ku rugendo, niyo bakesha guhura n'abasamaritani beza. Ni yo bashyizemo amizero yabo igihe basenga. Bibiliya nyinshi, amavanjili, ibitabo by'amasengesho n'amashapule biherekeza abimukira mu ngendo zabo mu butayu, mu nzuzi, mu nyanja, no ku mipaka y'imigabane!

Imana ntabwo igendana gusa n'umuryango wayo, ahubwo igenda mu muryango wayo, mu buryo bw'uko yigaragaza iri kumwe n'abantu banyura mu mateka - cyane cyane abatereranywe, abakene, abatitabwaho – mbese bikamera nko kongera amayobera yo kwigira umuntu.

Kubera iyo mpamvu, guhura n'umwimukira, kimwe no guhura n'umuvandimwe wawe uri mu kibazo, « ni uguhura na none na Kristu. Ubwe yarabitwibwiriye. Ni we ukomanga ku rugi rwacu, ashonje, afite inyota, ameze nk'umunyamahanga, yambaye ubusa, arwaye, ari mu nzu y'imbohe, agusaba ngo muhure maze umufashe » *(Inyigisho yo mu misa hamwe n'abari bitabiriye ihuriro ryagiraga riti "Kubaho nta bwoba" Sacrofano, 15 Gashyantare 2019).* Urubanza rwa nyuma ruvugwa mu Ivanjili yanditswe na Matayo mu mutwe wa 25, rudukura mu rujijo: « Nari umunyamahanga maze muranyakira » *(Mt 25, 35)* ;na none aragira ati « Ndababwira ukuri koko, icyo mwakoreye umwe muri abo baciye bugufi ni njye mwakigiriye » *( Mt 25,40)*. Buri gihe uko muhuye n'umwimukira ku nzira , ni umwanya wo guhura na Nyagasani; ni umwanya wuje umukiro, kubera ko mu muvandimwe wawe ukeneye ubufasha, niho Yezu aba ari. Muri urwo rwego, abakene baradukiza, kubera ko badufasha kubonana n'uruhanga rwa Nyagasani. *(Reba ubutumwa bwatanzwe ku munsi wa 3, ku munsi mpuzamahanga wagenewe abakene, kuya 17 Ugushyingo, 2019.)*

Bavandimwe nkunda, kuri uyu munsi wagenewe abimukira n'impunzi, duhurize hamwe isengesho dusabira abo bose byabaye ngombwa ko basiga imitungo yabo bashaka ubuzima bwiza. Twumve ko tugendana nabo, dukorane nabo urugendo rwa Sinodi, kandi hamwe n'ihuriro riri kwitegura gutangira Sinodi, tubaragize Umubyeyi Bikira Mariya, we kimenyetso cy'ukwizera gushyitse n'ihumure mu rugendo rw'umuryango w'Imana udahinyuka. » *(Raporo isoza, Gukurikira inzira).*

**Isengesho**

Mana, Data Ushoborabyose

Turi Kiliziya yawe iri mu rugendo

Mu nzira igana mu Bwami bw'Ijuru.

Twese dutuye mu bihugu byacu

Ariko ni nk'aho turi abanyamahanga.

Igihugu cyose cy'amahanga kiba ari igihugu cyacu,

Ariko buri gihugu cyose ni igihugu cy'amahanga kuri twe.

Tuba ku isi,
Ariko turi abana b’ijuru
Ntutugire abaragwa b’iyi si
Waduhaye nk’icumbi ry’igihe gito.
Dufashe kutazigera duhagarika kugenda,
Hamwe n’abavandimwe bacu b’abimukira
Twerekeza aho waduteguriye tuzatura iteka.
Humura amaso yacu n'imitima yacu
Kugira ngo buri mushyikirano tugiranye n’abakeneye kwitabwaho
Utubere uguhura na Yezu, Umwana wawe n’Umwami wacu.
Amen.

***Bikorewe i Roma, Saint-Jean-de-Latran, Ku wa 24 Gicurasi, 2024***

***Nyirubutungane Papa Fransisko.***